**Ifishi yogusaba uburenganzira bwa mySAEBRS ya_______________________________**

Nshuti Mubyeyi/Umurezi,

Kugira ngo usome ifishi y'uruhushya rwa mySAEBRS mu zindi ndimi, sura https://www.kckschools.org/dera/assessments

Ishuri ryacu rizakora isuzuma rusange rya mbere muri abiri ateganyijwe ya mySAEBRS rikoresheje FastBridge kuva ku itariki ya 8 Nzeri kugeza ku ya 18 Nzeri.

mySAEBRS ikorwa n'abanyeshuri bo mu byiciro by'amashuri kuva ku mwaka wa 2 kugeza ku wa 12, kandi kuyuzuza bifata hafi iminota 5. mySAEBRS (igikoresho cyo gusuzuma ibyago bijyanye n'imyitwarire mbonezamubano, amasomo, n'amarangamutima) ni igikoresho kigufi gishingiye ku bipimo byagenwe, gikoreshwa mu gusuzuma abanyeshuri kugira ngo hamenyekane abafite ibyago byo kugira ibibazo by'imyitwarire mbonezamubano n'amarangamutima (SEB).

mySAEBRS ni kimwe mu bikoresho bike by'isuzuma rusange rya SEB byubakiye ku buryo bw'ibintu bibiri bwo gusuzuma imikorere y'umunyeshuri mu by'imibereho n'amarangamutima, bushimangira ko ubuzima bwo mu mutwe bugomba gusobanurwa hashingiwe ku kuba nta myitwarire itera ibibazo cyangwa ibimenyetso byayo bihari (urugero, imyitwarire yerekeza imbere mu muntu n'imyitwarire yerekeza hanze) ndetse no kuba hari imibereho myiza n'ubushobozi (urugero: ubumenyi bwo kubana n'abandi n'ubw'amarangamutima)

Twemera ko ubu bushakashatsi ari igikoresho cy'agaciro kuko mySAEBRS ishobora gukoreshwa kugeza ku nshuro eshanu mu mwaka w'amashuri kugira ngo hamenyekane abanyeshuri bafite ibyago bijyanye n'imyitwarire mbonezamubano, amasomo, n'amarangamutima.
Mu gusuzuma muri izo nzego eshatu zihariye aho umunyeshuri ashobora kuba afite ibyago, dushobora kumenya ubwoko bw'ubufasha bukwiye kurushaho ndetse n'imyitwarire itera ibibazo ikwiye guhabwa umwanya wa mbere mu bikorwa byo gutanga ubufasha. Urugero, niba umunyeshuri afite ibyago gusa by'ibibazo by'amarangamutima, dushobora guhitamo kwibanda ku myitwarire ijyanye n'amarangamutima binyuze mu gushyira mu bikorwa gahunda zo kwigisha ubumenyi bwo kubana n'abandi no gucunga amarangamutima (SEL).

Ibindi Bintu By'ingenzi:

1. Kwitabira ni ubushake, kandi umwana wawe ashobora kwanga kwitabira.


2010 N. 59th St., Kansas City, KS 66104 • Phone: (913) 551-3200 • Fax: (913) 551-3217
kckschools.org

2. mySAEBRS ishobora gukorerwa kuri mudasobwa cyangwa tablet. Amanota agaragaza inshuro imyitwarire itandukanye yabayeho mu kwezi kwabanje (Nta na rimwe, Rimwe na rimwe, Kenshi, Hafi buri gihe).

3.Kwitabira ni ingenzi. Aya makuru afasha cyane mu kumenya ibikenewe no gutanga ubufasha n'ibikenewe ku gihe.

Andi makuru ushobora kuyasanga kuri:
https://www.renaissance.com/products/fastbridge/fastbridge-seb/

_________ Yego, ndemera kompaye uburenganzira uyu ____________________ bwuko yitabira mySAEBRS hagati y'itariki ya 8 Nzeri 2026 n'itariki ya 18 Nzeri 2026.

_________ Oya, ntabwo nemera kompaye uburenganzira uyu ____________________bwuko yitabira mySAEBRS hagati y'itariki ya 8 Nzeri 2026 n'itariki ya 18 Nzeri 2026.

Amazina y'Umurezi: ______________________________________________

Umukono cyangwa sinyatire
y'Umurezi:___________________________________________

Itariki: _________________

Umwaka yigamo: ____

Izina ry'ikigo cy'ishuri Umunyeshuri yigamo Ubu : _______________________


2010 N. 59th St., Kansas City, KS 66104 • Phone: (913) 551-3200 • Fax: (913) 551-3217
kckschools.org